Kibuye, ku wa 27/05/98

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MIJESCAFOP/KIBUYE

KIBUYE

A traiter par ..........
Date entrée : 11/6/98
N° Classement : 3108/98

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
Umuco, siporo no kwigisha
Imyuga iciriritse
KIGALI

Impamvu :Raporo y'igihembwe cya mbere cy'Umwaka

Bwana Minisitiri,

Nshimishijwe no kuboherereza kumugereka w'iyi baruwa raporo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998 yo mu mirimo y'urubyiruko umuco, siporo no kwigisha imyuga iciriritse.

Mbashimiye, Bwana Minisitiri, uko muyakiriye.

BAHATI Alexandre
Encadreur wa Kibuye

REPUBLIQUE RWANDAISE
MIJESCAFOP
ENCADREMENT PREFECTORAL KIBUYE

BIMENYESHEJWE

Bwana Perefe wa Perefegitura ya
KIBUYE

URUBYIRUKO

Perefegitura ya Kibuye igizwe n'amakomini 9 segiteri 101. Tumaze kwegeranya raporo y'aba Encadreur ku birebana n'umubare w'urubyiruko ubarirwa hagati y'imyaka 14-25 twasanze babarirwa mu bihumbi 16.687 bose hamwe, ariko ikibazo cy'ingenzi kibabaje ni ukutabona aho bigira imyuga aho tugeze muri Komini cyangwa se mu manama ya buri gihe nicyo kibazo kinini usanga bafite ni muri urwo rwego twagerageje gushaka abadutera inkunga zo gusana ibigo bitatu byibuze aribyo : icya Komini MABANZA, BWAKIRA, MWENDO. Abo twandikiye ni ONG local ya AJEMAC na ARAMET zikorera muri Komini Mabanza na ONG L.W.F ikorera muri Superefegitura ya Birambo; abadushubije badusaba n'umushinga ni ARAMET ya Mabanza yavuzeko ishobora kuzadufasha.
Uwo mushinga tukaba twarasabye E.P.R Eglise Presibitérienne ari nayo yatanze icyo kigo kuwukora, ndetse ikaba yaranatanze na Directeur w'ikigo byagateganyo ubikurikiraniye hafi akaba ari uwitwa Clémence NTIRENGANYA.

Inzego z'urubyiruko ziriho hose ariko zibuze ingufu zizishyigikira aha twavuga cyane kubura amahugurwa yatuma basobanukirwa ku buryo buhagije akazi kabo ibyo bigaragarira iyo dusuye bamwe muribo, bikaba ngombwa ko ibyo twalikuganira tubihindura kuko dusanga bahuzagurika mu byo bakagombye gukora bikaba ngombwa gutangira kwigisha akamaro kaziriya nzego n'inshingano zazo ariko kugera mu masegiteri yose ntibitworoheye. Dore ko nta na moto dufite ya dufasha buri munsi iyo dufite ibyuma hafi ya byose byarashaje.

Iyi gahunda twayikoze muri Komini enye nabwo ntabwo ari mu masegiteri yose. Mu byukuri amahugurwa y'abahagarariye abandi aba akenewe dore ko hano ku Kibuye nta bagiraneza bahaba, dushobora guha uwo mushinga.

Kubirebana n'ubuzima bw'urubyiruko tumaze gukora umushinga wo kubahugura nsaba inkunga muri P.N.L.S na Projet Santé Populaire dufatanyije na Région Sanitaire ya Kibuye ndetse na Perefegitura.

Ingendo mu makomini

Tariki ya 14/1/98 Komini Bwakira, ku bibazo by'urubyiruko, gusa, twavugako, ntabwo tuba dufite ishami ryihariye kuko mu rubyiruko ibibazo bihaba ari iby'imikino no kwigisha imyuga iciriritse ndetse n'imyidagaduro.

Tariki ya 2/02/98 Gishyita

Tariki ya 27/03/98 Gisovu

Tariki ya 6/03/98 Gitesi

Ingendo;

Twabamenyeshako kuri 25/04/98 ku cyumweru twasuye Komini Gishyita segiteri ya Bisesero turi kumwe n'uhagarariye MIGEFASO/Kibuye na Burugumesitiri wa Komini Gishyita

.../...

dusanga bafite ibibazo bishobora kuba bikabije kurenza abandi.

Mu Bisesero nk'uko muhazi habaye itsembabwoko likabije ku buryo n'usigaye ari ikirema noneho, bakaba ari nta hantu bafite ho kuba nta nicyo bifashisha, benshi ni abapfakazi. Konseye hamwe n'abaturage bose bavuzeko ikibazo bafite ari ukubura aho baba (nta mazu) ni ayo umuryango ARDEC wari wubatse agera ku ijana arimo agwa kuberako bayubatse nta fondation bigeze batekereza yafata inzu. Ni muri urwo rwego basabye ko bazakorerwa ingando ikabubakira inzu z'ibiti bati tubyumva ahandi ariko natwe bitugezeho byaba bidufashije kuko mubyukuri turi muri za shiting. Amazu bifuza agera kuri 250 niyo bifuza.

Twavuye aho tubabwiye ko tugiye kubigeza kubabishinzwe. Ni muri urwo rwego dusabye dushikamye ko iyo ngando yazabera aho hantu, byibuze amazu 100 akubakwa.

## IMIKINO

Ubu muri Perefegitura ya Kibuye imikino iritabirwa n'abasaza, abasore, inkumi abakozi ba Leta n'abikorera ku giti cyabo ndetse na za O.N.G kandi ku mikino inyuranye.

Ibyo byasabwe na Bwana Perefe wa Kibuye igihe ya kirwaga na serivisi ya MIJESCAFOP/Kibuye, cyane ishaka kumwereka, ubushake abantu bafite bwo gukunda imikino cyane cyane urubyiruko n'ibibazo encadrement ifite mu rwego rwo kumusaba kutwunganira.

Ku ya 28./03/98 encadrement ya Kibuye yashoje imikino yari yateguye inyuranye yo kwakira Bwana Perefe ariyo : F.B igizwe n'ikipe cumi n'imwe arizo :
F.B, Komini Mabanza, Gitesi, Vedette du Lac,
E.T.O Kibuye na 2e équipe ya 31 FC
-B.B : igizwe n'izo kipe zose ukuyemo 31 FC
P.P : igizwe na Vedette du Lac na E.T.O.

Iyo mikino twayitewemo inkunga na MIJESCAFOP yatanze ibikombe(coupe) bibiri, BRALIRWA yatanze inzoga zo kwiyakira zose ndetse n'imipira yo kwambara .
Uhagarariye C.I.C.R yaranze mayo ya B.B y'ikipe yabaye iya ~~mbere~~ kabiri.
Abahagarariye abashinwa batanga mayo y'ikipe yabaye iya kabiri muri F.B
Igikombe cyatwaye ikipe ya mbere muri F.B ariyo 31 FC

Ikindi gikombe nticyatanzwe kuberako ikipe yakinaga finale imwe itaje byabaye ngombwa ku kibika kikazakinirwa ubutaha, ikipe yageze ku kibuga tuyiha mayo ya

Ubwo rere kiraho komite ishinzwe imikino ikaziga uko kizakinirwa.

Ni muri urwo rwego Bwana Perefe yifuje ko haba icyo yise "Vendredi sport ikaba yaratangiye ku mugaragaro ku wa gatanu tariki ya 01/05/98 nkuko mubibon uko byatangiye bitegurwa akaba ari nako byitabiriwe kandi bishimwa na bose

..../...

abantu barushaho gusabana babivanye ku mutima, badahatwa, kandi ikaba ari gahunda izakomeza ya buri wa gatanu nyuma ya saa sita. Bityo rero tukazajya tubagezaho uko byitabirwa nibibangombwa tukazasaba Minisiteri kuza kudusura kuko bishimishije, ndetse mudutera n'inkunga cyane cyane, y'imipira ya B.B V.L F.B P.P, tenisi de terrain,ibifasha mu kwiga koga n'ibindi.

Kubera imyitozo iba nyuma ya kazi, bwije ibibuga bya B.B, V.B abagiraneza bakaba baratanze inkunga y'amatara amurika n'ijoro ku buryo abantu babona akanya gahagije ko kwitoza. Abayaguze akaba ari C.I.C.R n'uwitwa Marsiale ushinzwe kugenzura umuhanda Gitarama-Kibuye.

IMIKINO ISANZWE

| ITARIKI | IMIKINO | IKIPE ZAHUYE | IYATSINZE | IBITEGO | IKIBUGA |
|---|---|---|---|---|---|
| Le 01/02/98 | FOOT | 31 FC ihura na Simba | SIMBA | 4-1 | CYANGUGU |
| Le 15/02/98 | FOOT | 31FC ihura Etisa | - | 1-1 | GISENYI |
| Le 14/03/98 | FOOT | 31FC ihura indege | 31FC | 2-0 | GIKONGORO |
| Le 29/03/98 | FOOT | 31FC ihura 21B.N | 31F.C | 3-0 | GATWARO |
| Le 24/02/98 | FOOT | MABANZA ihura ETO | MABANZA | 6-4 | GATWARO |
| Le 24/02/98 | BASKET | MABANZA ihura Vedette | MABANZA | 54-27 | GATWARO |
| Le 08/03/98 | FOOT | GITESI ihura ETO | - | 2-2 | GATWARO |
| Le 28/03/98 | FOOT | GITESI ihura 31FC | 31FC | 5-2 | GATWARO |
| Le 28/03/98 | BASKET | VEDETTE ihura ETO | VEDETTE | 52-42 | GATWARO |
| Le 28/03/98 | Peng Pong | VEDETTE ihura ETO | Uwambere yabaye | | |
| Le 28/03/98 | Peng pong | E.T.O -VEDETTE du IAC | O.P.J | Jean Paul | |

Mu mashuri abanza twashoboye gukurikirana kimwe cya kabiri abageze kuri $\frac{1}{2}$ ni aba Bwakira, Gitesi, Mabanza na Mwendo.. Finale ikina Bwakira na Gitesi aho abana ba Bwakira batsinze aba Gitesi 3-1 na none Bwakira barasohotse bahura na Gitarama aho aba Bwakira Kibuye batsinze aba Gitarama bitanu kuri kimwe 5-1 aba Bwakira bakaba biteguye kuzakina $\frac{1}{4}$ mu rwego rw'Igihugu i Kibungo, tukaba dushima icyo kigo cy'i Bwakira umurava gifite muri siporo.

.../...

IMYUGA ICIRIRITSE

Biragaragara kenshi ko muri Perefegitura hakenewe inkunga kuko usibye i Karengera muri Komini Rwamatamu hari ikigo ahandi hose nta kigo cyari cyatangira.

Aha turabamenyeshako hari ikigo tumaze iminsi dusaba ba nyiracyo ko bagitangiza abarimu bakazahembwa na MIJESCAFOP bishobotse icyo akaba ariicya hitwa i Rubengera muri Mabanza. Tukaba twarabonye urwandiko rwa Pasiteri Perezida wa Région Bwana NDAHIMANA Léonidas wa E.P.R rwo kuri 01/04/98 réf 9/TNL/MA/26/98 rutumenyesha umuyobozi w'icyo kigo ariwe Madamu Clémence NTIRENGANYA icyo kigo twagisuye tariki ya 17/04/98 dusanga kitarangiritse cyane.
Ikigo cyahoze ari C.F.J i Gishyita cyangijwe n'intambara kirasahurwa ariko hariho na none abandi bakabije kucyiba nkuko Bwana Burugumesitiri yabimbwiye hari abacyekwa bari hafi kumenya kuko ibimenyetso bishaka kuboneka, iperereza rikaba rikomeje : aha twavuga insinga z'amashanyarazi, amadirishya n'ibindi...

IBIBAZO N'IBYIFUZO

Iby'ingenzi ni ukubura imodoka yatuma dukora akazi kandi imirimo ni myinshi ihari kuyigeraho ntabwo byoroshye kubera iyo mpamvu

- Stade irashaje kandi yatangiye kugwa, tukaba dusaba inkunga yo kuyubaka, dore ko ariyo dukoreramo ndetse na biro zacu ntizisannye, nta ntebe duhora dutira kuri Perefegitura rimwe na rimwe bakazitwara kuko ziba zikenewe.